# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 25-31 Ukwakira



P1. Handball: Ikipe y'u Rwanda U-20 yegukanye igikombe cy'Akarere ka 5 "IHF Challenge Trophy 2022"

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Handball:** Ikipe y'u Rwanda U-20 yegukanye igikombe cy'Akarere ka 5 "IHF Challenge Trophy 2022"

P2 **Basketball:** UGB na Young Sisters zegukanye "Legacy Tournament 2022"

P2 **Football:** Ikipe y'u Rwanda yasezerewe na Mali mu gushaka itike ya CAN U-23

P3 **Table Tennis:** Hatangijwe igikorwa cyo gushaka abakiri bato bafite impano muri uyu mukino

## 1 **Handball:** Ikipe y'u Rwanda U-20 yegukanye igikombe cy'Akarere ka 5 "IHF Challenge Trophy 2022"

Kuva taliki 25 kugeza 29 Ukwakira 2022 i Nairobi muri Kenya habereye imikino y'Akarere ka 5 mu mukino wa Handball mu bahungu "IHF Challenge Trophy 2022".

Ikipe y'u Rwanda mu batarengeje imyaka 20 yitwaye neza yegukana igikombe akaba ari inshuro ya gatatu iyi kipe yegukanye iki gikombe yikurikiranya nyuma ya 2016 na 2018. Nyuma yo kwegukana iki gikombe iyi kipe y'u Rwanda ndetse n'ikipe y'u Burundi yegukanye igikombe mu batarengeje imyaka 18 ni zo zizahagararira Akarere ka 5 mu mikino y'Afurika izabera muri Guinea mu Kuboza 2022.

Iyi kipe y'u Rwanda U-20 yegukanye igikombe cy'Akarere ka 5 itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Uganda ibitego 39 kuri 37 naho mu batarengeje imyaka 18, ikipe y'u Burundi yegukana igikombe itsinze ikipe y'u Rwanda ibitego 40 kuri 37.

Amakipe y'u Rwanda yagarutse mu Rwanda taliki 31 Ukwakira 2022 yakiranwa ibyishimo n'abakunzi ba Handball aho yazengurukije igikombe mu Mujyi wa Kigali.



*Ikipe y'u Rwanda ya Handball mu batarengeje imyaka 20 mu bahungu yegukanye igikombe cy'Akarere ka 5 "IHF Challenge Trophy 2022" ku nshuro yayo ya gatatu.*



**Uko amakipe y'u Rwanda yitwaye**

**Mu batarengeje imyaka 18**
- Rwanda 44-45 Burundi
- Rwanda 47-39 Uganda

**Imikino ya ½ cy'irangiza**
- Rwanda 38-29 Kenya

**Umwanya wa 3**
- Kenya 36-24 Ethiopia

**Umukino wa nyuma**
- Rwanda 37- 40 Burundi

**Uko amakipe yakurikiranye**
1. Burundi
2. Rwanda
3. Kenya
4. Ethiopia
5. Uganda
6. Djibouti
7. South Sudan

**Mu batarengeje imyaka 20**
- Rwanda 52-20 Djibouti
- Rwanda 44- 40 Ethiopia

**Imikino ya ½ cy'irangiza**
- Rwanda 48-20 Burundi

**Umwanya wa 3**
- Ethiopia 43- 40 Burundi

**Umukino wa nyuma**
- Rwanda 39-37 Uganda

**Uko amakipe yakurikiranye**
1. Rwanda
2. Uganda
3. Ethiopia
4. Burundi
5. Kenya
6. Djibouti
7. South Sudan



## **Basketball:** UGB na Young Sisters zegukanye "Legacy Tournament 2022"

Kuva taliki 21 kugeza 29 Ukwakira 2022, ikipe ya UGB ku bufatanye n'ishyirahamwe ry'umukino wa Basketball mu Rwanda "FERWABA" yateguye irushanwa "Legacy Tournament 2022" ku nshuro yaryo ya gatatu mu rwego rwo kuzirikana abashinze iyi kipe kuva mu 1998 ari bo Shampiyona Aimable wari umuyobozi wa LDK akaba yaritabye Imana muri 2004 na Nizeyimana Jean De Dieu wari umwarimu akaba yaritabye Imana muri 2007.

Iyi kipe ya UGB mu bagabo ndetse na Young Sisters y'i Burundi mu cyiciro cy'abagore ni zo zitwaye neza zegukana iri rushanwa ryari ribaye ku nshuro ya gatatu.

Iri rushanwa ryabaye mu byiciro bibiri aho taliki 21 na 22 Ukwakira 2022 habaye irushanwa ry'amakipe y'imbere mu gihugu mu cyiciro cya mbere mu bagabo ndetse no mu bakanyujijeho.

Taliki 26 kugeza 29 Ukwakira 2022 habaye imikino mpuzamahanga mu makipe y'icyiciro cya mbere mu bagabo, mu bagore, mu bakanyujijeho mu bagabo ndetse no mu bakiri bato.

Mu cyiciro cy'abakiri bato hitabiriye amashuri ari yo Collège Saint André (CSA), IFAK, Lycée de Kigali (LDK) na Green Hills Academy "GHA". Ikipe ya LDK ni yo yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya CSA amanota 74 kuri 36.

Mu bakanyujijeho hari hitabiriye amakipe 4 aho yari mu matsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe na UGB na Techno Warriors BBC (Burundi) naho itsinda B rigizwe na Gorillas Stars BBC (Rwanda) na Bakolo BBC (RDC).

Muri iki cyiciro, ikipe ya Techno Warriors y'i Burundi yegukanye igikombe itsinze Gorillas Stars BBC amanota 63 kuri 52.

Mu bagore hari hitabiriye amakipe 6 aho yari yashyizwe mu matsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe na IPRC Huye BBC, PJB (RDC) na REG BBC naho itsinda B rigizwe na The Hoops BBC, Young Sisters BBC (Burundi) na Wonderful BBC (RDC).

Ikipe ya Young Sisters BBC ni yo yegukanye igikombe itsinze IPRC Huye amanota 62 kuri 58.

Mu bagabo, hitabiriye amakipe 6 aho yashyizwe mu matsida abiri, itsinda A ryari rigizwe na New Star BBC (Burundi), UGB na APR BBC naho itsinda B rigizwe na REG BBC, Shoot 4 the Stars na Espoir BBC.

Ikipe ya UGB yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya REG BBC amanota 78 kuri 64.

Mu bagore n'abagabo, amakipe yegukanye igikombe yanahawe ibihumbi 500 by'amafaranga y'u Rwanda.

Ubwo iri rushanwa ryaherukaga kuba muri 2019 ryari ryegukanwe n'ikipe ya Patriots BBC mu bagabo ndetse n'ikipe ya IPRC Huye mu bagore.



*Ikipe ya Young Sisters BBC (Burundi) ari nayo yatwaye igikombe mu cyiciro cy'abagore ikina na IPRC Huye BBC.*



*Ikipe ya UGB yishimira igikombe yegukanye nyuma yo gutsinda ikipe ya REG BBC amanota 78 kuri 64.*

## **Football:** Ikipe y'u Rwanda yasezerewe na Mali mu gushaka itike ya CAN U-23

Taliki 29 Ukwakira 2022, ikipe y' u Rwanda "Amavubi" mu batarengeje imyaka 23 yatsindiwe i Bamako n'ikipe ya Mali mu mukino wo kwishyura gushaka itike y'igikombe cy'Afurika "Africa U-23 Cup of Nations 2023".

Muri uyu mukino, ikipe ya Mali yatsinze u Rwanda igitego 1-0 bituma ikipe y'u Rwanda isezererwa ku bitego 2-1 mu mikino yombi kuko mu mukino ubanza wabereye kuri Sitade Mpuzamahanga ya Huye taliki 22 Ukwakira 2022, warangiye aya makipe yombi anganyije igitego 1-1.

Ikipe ya Mali nyuma yo gusezerera ikipe y'u Rwanda yakomeje mu cyiciro cya gatatu gushaka itike aho izahura n'ikipe ya Senegal. Muri iki cyiciro ikipe izitwara neza ni yo izitabira imikino ya nyuma ya CAN-23 izabera muri Maroc muri Kamena 2023 aho izitabirwa n'amakipe 8. Amakipe 3 ya mbere azabona itike yo kuzaserukira Afurika mu mikino Olempike "Summer Olympic Games 2024" izabera i Paris mu Bufaransa.



Ikipe y'u Rwanda "Amavubi" y'abatarengeje imyaka 23 ikina n'ikipe y'igihugu ya Mali mu mukino yatsindiwe i Bamako 1-0





## 3 **Table Tennis:** Hatangijwe igikorwa cyo gushaka abakiri bato bafite impano muri uyu mukino

Ishyirahamwe ry'umukino wa Table Tennis mu Rwanda “RTTF” ku bufatanye na Komite Olempike y’u Rwanda ku nkunga ya “Olympic Solidarity” binyuze muri gahunda yo gutegura abakinnyi bakiri bato "Youth Athlete Development Programme 2021-2024", taliki 30 na 31 Ukwakira 2022 hatangijwe igikorwa cyo gushaka abana bato bafite impano kugira ngo bigishwe uyu mukino.

Iki gikorwa cyatangiriye i Rilima mu Karere ka Bugesera ahari hateraniye abana bagera kuri 50 bari munsi y’imyaka 14 mu bakobwa n’abahungu.

Iki gikorwa kikaba gikomeje aho kizasorezwa mu Mujyi wa Kigali.

Umuyobozi muri RTTF ushinzwe ibikorwa by'iterambere, Rukeratabaro Cynthia yashimiye Komite Olempike y’u Rwanda kuba yaratekereje kuri Table Tennis ikaba iri mu mikino ine iri muri iyi gahunda yo gushakisha impano mu bakiri bato.

Yakomeje avuga ko iyi gahunda izazamura urwego rw'abakinnyi bato muri uyu mukino anashimangira ko ahazaza h'uyu mukino hatanga icyizere mu gihe hari kuzamuka abakinnyi benshi beza kandi bakiri bato.

Iyi gahunda yo gushakisha impano mu bakinnyi bakiri bato "Youth Athlete Development Programme", itegurwa na Komite Olempike y’u Rwanda ku bufatanye n’abanyamuryango bayo. Buri nyuma y'imikino Olempike, hatoranywa amashyirahamwe y’imikino ashyirwa muri iyi gahunda mu gihe cy'imyaka ine. Gahunda ya 2021-2024 ikaba irimo imikino ine ari yo Table Tennis, Tennis, Koga “Swimming” ndetse n’umukino w'amagare “Cycling”.






RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave